SACRIFICE 316

# Igitambo Kizima

*“Nuko bene Data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.”* Abaroma 12:1-2

**Igitambo Cyawe.** Uku kwinginga ngo utange umubiri wawe nk’ *“igitambo kizima kandi cyera”* akenshi kumvikana nabi. Ariko, ni uburyo bwiza bukwereka ko ugomba kwitwara neza birenze kuba Uwizeye Yesu Kristo gusa. Umurongo wa mbere usaba Uwizeye wese guha Imana igitambo cyihariye *nyuma* yo gukizwa. Umurongo wa kabiri werekana uko umuntu agomba kubaho *nyuma* yo gutanga icyo gitambo. Kugandukira Imana buri munsi nka kimwe mu bigaragaza ko wikorera umusaraba wawe buri munsi, Luka 9:23. Ariko, iyo si yo ntego y’Abaroma 12:1. Itegeko ryaho ryo *“gutanga imibiri yanyu”* ni *igikorwa kibaho rimwe gusa* cyo kwitanga, kwiyegurira, no kugandukira Imana byuzuye. Ntabwo ari agakiza. Agakiza gashingiye gusa ku gitambo cya Kristo. Ibi biratandukanye. Iki ni igitambo cyawe. Ntabwo ari igitambo cya buri munsi. Ni ukwegurira Imana ubuzima bwawe ntacyo ushingiyeho kandi bihoraho nk’igitambo kizima, cyera, kandi cyemewe. Ni impano wegurira Imana ku bushake bwawe kandi ku bw’icyubahiro cyayo kugira ngo igukoreshe mu buryo bwose.

**Kuki Utanga iki Gitambo?** Ni ku bw’imbabazi Zayo. Abaroma Ibice 1-11 havuga imbabazi z’Imana. Abaroma 12:1 hakubwira icyo Imana ishaka ko ukora kubera izo mbabazi. Abaroma 12:2 hakwingingira gukora ibintu bibiri mu buzima *nyuma* yo gutanga igitambo cyawe. Imbabazi z’Imana zihambaye mu kugukiza no kukweza zivugwa muri ibyo bice cumi na kimwe bya mbere. Nuko rero, wiyegurire Imana. Izaguha umugisha muri ubu buzima no mu bw’iteka ryose. Ariko, imbaraga zizagushoboza kuba igitambo kizima ntiziri muri wowe. Ziri inyuma yawe. Imbaraga nyakuri zishingiye ku byo Imana yamaze gukora. Tekereza Yesu akuzamuriye ibiganza akakwereka inkovu z’imisumari, maze akakubwira ngo, “Kubera ibyo nagukoreye byose, nawe nkorera ibi.” Ubwo ni bwo busobanuro bw’Abaroma 12:1.

**Kuki igitambo cyatanzwe rimwe gusa?** Ni uko ubwo ari bwo busobanuro bw’amagambo yo mu Abaroma 12:1-2. Inshinga ziri mu ijambo *“ntimwishushanye”* na *“muhinduke”* zo mu gice cya 12:2 ziri mu ndagihe. Ibyo bisobanuye ko ukora ibyo bintu bibiri ubu ndetse ugakomeza kubikora mu buzima bwawe bwose. Nyamara, inshinga iri mu ijambo *“Mutange imibiri yanyu”* yo mu gice cya 12:1 ntiri mu ndangihe mu Kigiriki. Mu Kigiriki, bisobanura igikorwa kimwe. Ntibisobanura gukomeza gukora. Bisobanuye kubikora rimwe gusa. Ni icyemezo ufata cyo kwiyegurira Imana. Kuyiha nk’igitambo. Abaroma 12:1 havuga ku kwitanga kwawe. Ni uburyo wemera kuba ku gicaniro cy’Imana bihoraho.

**Ingero ebyiri.** Gutegeka kwa kabiri 15:12-17 herekana urugero rw’ibi. Imbata y’Umuheburayo iyo yabohorwaga yashoboraga guhitamo kongera kuba imbata ya shebuja *ku bushake* cyangwa *bihoraho*. Ayo mahitamo yashingiraga ku mbabazi shebuja yamugiriye kera. Yaterwaga n’urukundo iyo mbata ikunda shebuja. Yari amahitamo ahoraho. Bafataga uruhindu bagapfumura ugutwi kw’imbata kugira ngo byerekane ko abaye umugaragu wa shebuja ubuzima bwe bwose. Ubu bubata bwari amahitamo y’imbata ubwayo. Ntiyabihatirwaga. Cyari icyemezo gihoraho. Urundi rugero ni urw’ibitambo by’amatungo byo mu Isezerano rya Kera. Itungo ryabanzaga kwemerwa kugira ngo rishyirwe ku gicaniro. Itungo rirwaye cyangwa rifite inenge ntiryemerwaga, Abalewi 1-5. Ibyo byerekana igitambo cyera kandi cyemewe kivugwa mu Abaroma 12:1. Kwica itungo ry’igitambo bigaragaza uburyo cyari igitambo gihoraho. Nta tungo ry’igitambo ryavaga ku gicaniro ngo nuko ryatinye umuriro. Nta mutambyi wasubiranagayo itungo nimugoroba ngo azaritambe undi munsi. Cyari igitambo gihoraho. Ufashe igitambo cyawe kivugwa mu Abaroma 12:1 ukakivana ku gicaniro kuko gishyushye, ntikiba cyarigeze kuba igitambo cyo mu Abaroma 12:1.

**Kongera Gutanga Igitambo.** Wigeze wongera gutanga igitambo cyawe kivugwa mu Abaroma 12:1? Yego, niba igitambo cyawe kitaremewe. Igitambo cyo mu Abaroma 12:1 kigomba kuba kizima, cyera, kandi cyemewe. Uriho kuko, ku bwo kwizera Kristo, *"wavuye mu rupfu ugera mu bugingo,"* Yohana 5:24. Kuba igitambo cyera ni inshingano yawe. Amatungo yo mu Isezerano rya Kera yagombaga kwemerwa mbere yo gutambwa. Nta tungo ryashoboraga gutungana. Ariko ryagombaga kutagira uburwayi, rikaba rizima kandi ridafite inenge. Ibyo byerekana ibintu bibiri ku gitambo cy'Abaroma 12:1. Icya mbere, igitambo cyawe ntikigomba kugira uburwayi. Uburwayi bw'icyaha no gutandukana n'Imana bukurwaho n'agakiza. Ni cyo gituma Abaroma 12:1 handikiwe Abizeye gusa (byerekanwa n'ijambo "bene Data" ryo muri uwo murongo). Igitambo kitari icy'Uwizeye nticyemerwa kuko kigomba gutangwa *nyuma* yo gukizwa aho kuba *mbere* yo gukizwa. Ugomba kubanza kuza kuri Yesu mbere yo kumukurikira. Kugira ngo wizere ko wakijijwe jya kuri www.Gospel316.org. Igice cyo kwera cyerekana urwego rwemewe rwo gutungana mu buryo bw'umwuka mu buzima bw'Uwizeye. Iyo gihe ni bwo igitambo cyawe kivugwa mu Abaroma 12:1 kizemerwa n'Imana. *"Nuko rero umuntu niyiyeza akitandukanya n'ibidatunganye, azaba abaye ikintu cyo gukoreshwa iby'icyubahiro cyejejwe, kigirira nyiracyo umumaro kandi cyatunganirijwe imirimo myiza yose."* 2 Timoteyo 2:21. Ntushobora gutungana. Ariko, ushobora kwitanga ku rwego rukwiye rw'ubuzima bwiza mu buryo bw'umwuka n'urwo kwera. Iyo igitambo cyawe kizima kandi cyera kimaze kwemerwa n'Imana, ntiwongera kugitanga ukundi. Nyamara, niba igitambo cyawe kitaremewe n'Imana kuko cyari icy'igihe gito cyangwa kitari icyera, ni ngombwa kongera kugitanga. Mwitange nk'igitambo gihoraho, kizima, kandi cyera. Mwemere kuba imbata y'Imana ku bushake kandi bihoraho. Ntukabikore rimwe na rimwe. Ni icyemezo gikomeye ufata nyuma yo gukizwa. Iyo igitambo cyawe kimaze kwemerwa, komeza mu Abaroma 12:2 havuga kutishushanya no kugira ubuzima buhindutse nk'umwigishwa w'ukuri wa Yesu Kristo. Kubera ibyo yagukoreye byose, nawe mukorere ibi!

**Uko ubaho nyuma yo gutanga igitambo cyawe.** *"Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose."* Abaroma 12:2. Uyu murongo hari ubuzima ugusaba kubaho nyuma yo gutanga igitambo cyawe cyo mu Abaroma 12:1. Ibyo usabwa gukora biri mu ndangihe ari byo bivuga kutishushanya no gukomeza guhinduka ugira umutima mushya. Ntukishushanye, ntukemere, gukora ibyaha by'iy'isi. Ntukemere ko isi ihindura uwo uri we nk'Uwizeye. Abaroma 12:2 hakwingingira *"guhinduka rwose ukagira umutima mushya."* Ijambo ry'Ikigiriki risobanura *guhinduka* ni kimwe n'iryo Yesu yakoreshejwe muri Matayo 17:2 na Mariko 9:2 havuga ko *yahindutse.* Abaroma 12:2 hagusaba guhinduka ukagira umutima mushya (uvuguruwe, uhindutse rwose kugira ngo ube mwiza). Uko guhinduka (birenze uguhinduka kw'ikinyabwoya gihinduka ikinyugunyugu) ubishobozwa no kumenya Ijambo ry'Imana no kurishyira mu bikorwa. Kora igitambo cyawe kivugwa mu Abaroma 12:1. Ntuhinduke mu buryo bw'isi. Uhindurwe no kumenya Ijambo ry'Imana ndetse no kurishyira mu bikorwa. Hanyuma ukabasha kumenya ubushake bw'Imana no kubukora.

**"Kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose."**

**Abaroma 12:2**

*Igitambo Kizima* © 2026 ubutumwa bwa John D. Morris III bwasohowe na Acts One Eight. Ubu butumwa ushobora kubusohora ku mpapuro, gukora kopi yabwo, kubutangaza ku mbuga nkoranyambaga, kuri email, cyangwa kubukoresha utabuhinduye kandi buri kumwe n'uru ruhushya. Ushobora kongeraho izina ry'umuryango wawe w'ivugabutumwa cyangwa ry'itorero, cyangwa se ugashyiraho ikirango cyawe ku rupapuro rwa mbere ahagana hejuru, ndetse ukongeraho na nomero yawe ya telefone hejuru ku murongo wabugenewe uri ku rupapuro rwa kabiri ahagana hasi. *Sacrifice316* ni ubutumwa bushingiye kuri Bibiliya gusa. Buriho kugira ngo bufashe abantu gukura mu buryo bw'umwuka aho kuba Abizeye Yesu gusa. Wakwandikira Acts One Eight (mu Cyongereza niba bishoboka) kuri email ya: Hello@Mail316.org. Ubusemuzi bwakozwe na www.ChristianLingua.com. *Igitambo Kizima* ni ubutumwa buboneka mu ndimi 48 ku buntu, unyuze kuri www.Sacrifice316.org. Imirongo yakoreshejwe mu Cyongereza yakuwe mu ngeri ya Bibiliya yitwa The Lockman Foundation's New American Standard Bible yo mu 1995. Imirongo ya Bibiliya yakoreshejwe muri ubu busemuzi yakuwe muri: Bibiliya Yera, Kinyarwanda, Bible Society of Rwanda, 1993, 2001.